**UBUTUMWA BUGENEWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'IYOGEZABUTUMWA RY'ABANA**

**Ku wa 5 Mutarama 2025**

# BANA, TURANGAMIRE KRISTU, SOKO Y'AMIZERO, UBUVANDIMWE N'AMAHORO

## INTANGIRIRO

**1.** Bana dukunda, tubifurije gukomeza kugira ibyishimo bya Noheli.

Kuri iki Cyumweru duhimbazaho Umunsi mukuru w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani, turahimbaza kandi n'Umunsi mukuru w'Iyogezabutumwa ry'Abana. Ni n'umwanya kandi wihariye ku bana wo kuzirikana no guhimbaza ibyiza dukesha Iyogezabutumwa ry'Abana. Muri uyu mwaka, dufite insanganyamatsiko igira iti: **"Bana, turangamire Kristu, soko y'amizero, ubuvandimwe n'amahoro".**

**2.** Bana bacu, mufite umwanya ukomeye muri Kiliziya, kandi mukagira n'uruhare rukomeye mu Iyogezabutumwa ryayo. Yezu ntahamagara abakuru gusa, ahamagara n'abana akabatuma. Nk'uko Uhoraho yahamagaye umwana Samweli akiri muto, maze Umuherezabitambo Heli akamufasha kumva ijwi rya Nyagasani, Kiliziya nayo ifite inshingano zo kubaba hafi, kubigisha no kubategura kugira ngo mwumve ijwi ry'Imana ribahamagara.

## I. KRISTU WIGIZE UMUNTU NI WE MIZERO YACU

**3.** Bana dukunda, muri iyi minsi mikuru ya Noheli, tuzirikana cyane urukundo Imana yadukunze, yemera ko Umwana wayo Yezu Kristu yigira Umuntu, akabyarwa na Bikira Mariya, akabana natwe, atagize icyo atwitandukanyaho keretse icyaha. Ibyanditswe Bitagatifu bitwereka ko umuryango w'Imana wamutegereje igihe kirekire. Abashumba babwiwe n'Abamalayika ko mu murwa wa Dawudi havutse umucunguzi, basiga amatungo yabo bajya kumuramya; Abanyabwenge baturutse i Burasirazuba, bamaze kumenya ko yavutse, baje kumuramya bayobowe n'inyenyeri. Simewoni yamwakiriye nk'agakiza ka Israheli, maze kuko yabonaga byose byujujwe ati: *"Nyagasani, noneho sezerera umugaragu wawe mu mahoro nk'uko wabivuze ; kuko amaso yanjye yabonye agakiza kawe, wageneye imiryango yose. Ni we Rumuri rubonesherezа abanyamahanga, akaba n'ikuzo ry'umuryango wawe Israheli !"* (Lk2, 29-32).

**4.** Nk'uko Umuhanuzi Izayi yabihanuye, Yezu na we ubwe akabisubiramo mu Ivanjili agira ati: *‹‹ Roho wa Nyagasani arantwikiriye, kuko yantoye akansiga amavuta, agira ngo ngeze Inkuru Nziza ku bakene, ntangarize imbohe ko zibohowe, n'impumyi ko zihumutse, n'abapfukiranwaga ko babohowe, kandi namamaze umwaka w'impuhwe za Nyagasani ››* (Lk 4, 18-19), ubutumwa bwa Yezu Kristu ni ubwo kwita kuri buri muntu, kumusubiza ubuzima no kumutangariza ubuntu bw'Imana. Yezu aduhamagarira kumusanga agira ati: *"Nimungane mwese abarushye n'abaremerewe, jye nzabaruhura"* (Mt 11, 28). Intumwa zamubonyemo amizero y'ukubaho, zemera gusiga byose ziramukurikira, kugeza n'aho Petero avuga ati : *"Nyagasani, twasanga nde wundi, ko ari wowe ufite amagambo y'ubugingo bw'iteka? Twe twaremeye kandi tuzi ko uri intungane y'Imana"* (Yh 6, 68-69).

**5.** Kristu ni we mizero yacu. Ni we turonkeramo ubuzima. Kristu akunda abana akabiyegereza: *"Nimureke abana bansange, mwibabuza kuko Ingoma y'Imana ari iy'abameze nka bo"* (Mk10,13-14). Abatangaho urugero rw'imyitwarire y'abo ahamagarira kwinjira mu ngoma y'Ijuru, ati: *"Nimudahinduka ngo mumere nk'abana ntabwo muzinjira mu ngoma y'Ijuru. Uwicisha bugufi wese nk'uyu mwana uwo ni we usumba abandi mu ngoma y'ijuru. Uwakira neza umwana nk'uyu ari jye agirira ni njye aba yakiriye"* (Mt 18, 3-5). Uwumvise ijwi rya Yezu Kristu umuhamagara, aba umwigishwa we, agatega amatwi ijambo rye, akamwumvira, kandi agakora ugushaka kwe.

**6.** Bana dukunda nk'uko Kristu ari amizero yacu, namwe muhamagariwe kumureberaho no kubera abandi amizero. Kiliziya ndetse n'Igihugu bibatezeho byinshi. Mugire ishyaka ryo kubaka ejo hazaza heza. Mugire rero amatwara amwe n'aya Kristu: kumva bagenzi banyu, kubatega amatwi, kubaba hafi mu bibazo bafite. Ibyo muzabigeraho nimumera nka Yezu, mukarangwa n'imyitwarire yamuranze. *"Uko Yezu yakuraga ni ko yungukaga ubwenge n'igihagararo, anyuze Imana n'abantu"* (Lk 2, 52), namwe nimukure nka Yezu rero nicyo tubifuriza kandi tubasabira.

## II. MURI KRISTU TURI ABAVANDIMWE

7. Bana dukunda, muri Kristu turi abavandimwe. Yezu yatugaragarije ubuvandimwe nyabwo bushingiye ku rukundo Imana yakunze muntu ikemera kumwitangira kugeza ku musaraba, kandi igahora imwigaragariza buri munsi mw'Ijambo ryayo no mu masakaramentu duhabwa. Yezu yahamirije abigishwa be isano iri hagati Ye na Se agira ati : *"Njye na Data turi umwe"* (Yh 10, 30). Ubumwe buri hagati y'Imana Data n'Umwana wayo Yezu Kristu, ni bwo dukomoraho isano iduhuza nk'abana

b'Imana, ikatugira abavandimwe. Mu buzima bwe hano ku isi, Yezu yisanishije natwe, atubera umuvandimwe byuzuye: *"Ndababwira ukuri: ibyo mwagiriye umwe muri abo bavandimwe bajye baciye bugufi, ni njye mwabaga mubigiriye"* (Mt 25, 40). Yezu kandi nk'umuvandimwe wacu, ntadutererana, ari kumwe natwe kugeza igihe isi izashirira.

**8.** Kuba abavandimwe ni umuhamagaro wacu twese kuko twaremwe mu ishusho y'Imana, kandi muri Batisimu tukaba abana b'Umubyeyi umwe, Imana Data, batunzwe n'umubiri n'amaraso bya Kristu mu Isakramentu ry'Ukaristiya kandi bavutse bundi bushya muri Roho Mutagatifu.

Bana dukunda, nimurangwe n'ubuvandimwe nyabwo kandi muharanire kubwubaka aho muri hose. Mukundane nta buryarya, kandi mugaragarizanye urukundo rushingiye kuri Yezu Kristu. Mwite kuri bagenzi banyu bafite ibibazo bitandukanye, mu miryango bavukamo, ku mashuri aho mwiga, no mu yandi matsinda mubarizwamo. Mube abahamya b'ubuvandimwe nyakuri mu miryango yanyu, mu gihugu cyacu no mu isi dutuye.

## III. AMAHORO Y'UKURI AKOMOKA KURI KRISTU

**9**. Bana dukunda, Kristu ni we mahoro yacu (reba Ef 2, 14). Ni na We kandi uduha amahoro ku buryo bwuzuye kuko aduha amahoro ye kuko atubwira ati: *"Mbasigiye amahoro, mbahaye amahoro yanjye. Sinyabahaye nk'uko isi iyatanga"* (Yh 14, 27). Kristu rero ni "Umwami w'Amahoro" (Iz 9, 5). Kugira amahoro ni icyifuzo cya buri wese. Mu muco wacu wa kinyarwanda twifurizanya amahoro ku buryo bwinshi tugira tuti: **Waramutse amahoro? Genda amahoro, Ugereyo amahoro**, **Gira amahoro**. Uwo wifurije amahoro uba umwifurije guhirwa, gutunga no gutunganirwa, gutekana, kugira inshuti n'abavandimwe. Muri Kristu ni ho tubonera ibyo byose. Ariko kandi ni ho tuvoma ayo mahoro kugira ngo tuyasangize abandi.

**10.** Bana rero, muharanire kwakira amahoro atangwa n'Imana, no kuyasakaza mu bandi. Amahoro ya Kristu ashingiye ku rukundo, ku mbabazi no ku bugwaneza. Mube abogezabutumwa b'amahoro, mutange amahoro nk'aya Kristu. Kuba abogezabutumwa b'amahoro, bidusaba kugira umutima mugari, ufunguriye buri wese nk'uwa Yezu. Ni uguharanira ko buri wese agira imibereho myiza, kwirinda kuba nyamwigendaho, ahubwo tukarangwa no guharanira n'icyagirira buri wese akamaro.

**UMWANZURO**

**11.** Bana dukunda, nimurangamire Kristu, mumwigireho, ababere urugero. Abatoze kuba amizero y'isi, Igihugu cyacu na Kiliziya yacu. Mube abavandimwe hagati yanyu, kandi mutoze n'abandi kuba abavandimwe. Mube intumwa z'amahoro kandi muharanire gutanga amahoro nk'aya Yezu Kristu. Muharanire kuba abizerwa muri byose kandi uwo muco mwiza muwukurane. Mwitoze kuva mukiri bato gukunda no kubaha buri wese.

**12**. Babyeyi, turabasaba gufasha abana gukurana icyizere cy'ubuzima no kubatoza kurangamira Yezu Kristu. Mutoze abana gukunda isengesho no guhabwa amasakramentu, cyane cyane Ukaristiya na Penetensiya. Mubamenyereze gusoma Ijambo ry'Imana. Namwe kandi mubabere urugero rwiza. Abarezi namwe, mugaragaze ishusho ya Yezu Kristu ugira uti *"nimureke abana bansange"*. Mwakire abana mubishimiye, bababonemo ababyeyi, inshuti n'abavandimwe.

**13.** Bayobozi mu nzego zitandukanye, cyane cyane abashinzwe kwita ku bana, muhe abana urubuga rwo kwisanzura kugira ngo bagaragaze ibyifuzo bafite byatuma barushaho kugira icyizere cy'ubuzima bwiza. Indangagaciro zituma umwana akurana ubumuntu nizitabweho kandi zihabwe umwanya.

**14**. Kuri uyu munsi, abana bo muri Kiliziya ku isi hose, basabira abandi bana cyane cyane abafite ibibazo bitandukanye. Bafashijwe n'ababyeyi babo, bakusanya inkunga yo gufasha abo bana igashyikirizwa Ikigega cya Papa cy'ubufatanye mu bikorwa by'Iyogezabutumwa ry'Abana, maze ababishinzwe bakazagenera iyo nkunga abo bana. Mboneyeho rero kubashimira inkunga mutanga buri mwaka, haba itangirwa mu Misa kuri uyu munsi n'iyo mutanga binyuze mu mashuri mwigamo.

Imana ibahe umugisha. Bikira Mariya Nyina wa Jambo udusabire.

Bikorewe i Kigali, ku wa 21 Ukuboza 2024.

**Musenyeri Yohani Mariya Vianney TWAGIRAYEZU,**

**Perezida wa Komisiyo y'Abepisikopi ishinzwe**

**Iyogezabutumwa ry'Abana**

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C.E.P.R.
B.P.357 Kigali
Rwanda
COMMISSION